# Vumbura, Kumira kandi ugaragaze Ubutekamutwe

## Igitabo Kivuga ku Buriganya Bukorerwa

**Abimukira n'Impunzi muri iki gihe**

Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Ubucuruzi (FTC) ni ikigo cya leta kirinda abantu uburiganya n'ubutekamutwe.

Dore bimwe mu bimenyetso biburira bigaragaza ubutekamutwe. Nubona kimwe muri ibi bimenyetso, hagarika. Bivugeho.

Niba waratekewe imitwe cyangwa ukeka ko wabonye ubutekamutwe, hamagara 877-382-4357, maze ukande 3 ku zindi ndimi, maze ukande kuri 0 ku ndimi zindi— cyangwa ujye ku rubuga rwa murandasi ReportFraud.ftc.gov.

# Ibimenyetso biburira bigaragaza ubutekamutwe.

**Haba hari umuntu wigeze kukwizeza akazi – akagusaba kubanza kumwishyura?**
Ntukigere na rimwe wishyura umuntu ukwijeje akazi, icyemezo kizaguhesha akazi, cyangwa ko yakubonera amakuru y'Ibanga kuri ako kazi. Ubwo ni ubutekamutwe.

**Hari uwigeze akubwira ko akorera ikigo cya leta, maze akagutera ubwoba cyangwa akakwaka amafaranga?**
Leta ntijya ihamagara igamije kugutera ubwoba cyangwa kukwaka amafaranga.

**Haba hari umuntu wigeze avugako yagufasha gutsinda Umukino w'Amahirwe wo Kubona Visa kugirango uhabwe Green Card?**
Gutanga ubusabe ni ubuntu ndetse abatsinze batoranywa ku bw'amahirew. Nta muntu n'umwe wakongera amahirwe yawe yo gutsinda.

**Umukozi ushinzwe kugenzura inyandiko yaba yarakwijeje kugufasha mu kwimuka kwawe?**
Niba ukeneye inama mu mategeko ku bijyanye no kwimuka kwawe, gana umunyamategeko cyangwa umuyobozi ubifitiye ububasha. Ntukigere ubaza umukozi ushinzwe kugenzura inyandiko.

**Waba waratelefonwe, warakiriye imeyiri, ubutumwa, cyangwa warandikiwe ku mbuga nkoranyambaga bakubwirako hari ibyo watsindiye? Ariko ukabwirwa ko kugirango ubibone hari icyo ugomba kubanza kwishyura?**
Ntukigere wishyura kugirango uhabwe igihembo. Ubwo ni ubutekamutwe. Uzahomba amafaranga yawe.

**Haba hari uwigeze agusaba kwishyura kugirango uhabwe impano, kugirango wakire amafaranga binyuze kuri Western Union cyangwa MoneyGram, cyangwa amafaranga y'ikoranabuhanga?**
Abatekamitwe nibo bonyine bagusaba ko ubanza kwishyura muri ubwo buryo. Ntukabikore.

### Waba warakiriye sheke ivuye ku muntu maze akagusaba kugira igice cy'ayo mafaranga umusubiza?

Ntugahe umuntu amafaranga kuko yaguhaye sheke. Sheke mpimbano zishobora kugaragara nk'ukuri zikanifashishwa mu kwiba banki. Bizarangira bibaye ngombwako usubiza amafaranga.

### Waba waratelefonwe, warakiriye imeyiri, ubutumwa, cyangwa warandikiwe ku mbuga nkoranyambaga usabwa ikarita yawe ya banki, nomero ya konti ya banki, cyangwa Nomero y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi?

Ntukigere na rimwe uha umuntu uguhamagaye kuri telefone, akwandikiye kuri imeyiri, ubutumwa bugufi, cyangwa ku mbuga nkoranyambaga ayo makuru.

## Irinde Unarinde Amakuru Yawe

- Ntukigere ugendana ibyangombya byawe by'ingenzi cyangwa amakarita akuranga.
- Ntugakande kuri mahuza kuri imeyiri, ubutumwa bugufi, cyangwa ku mbuga nkoranyambaga keretse gusa igihe wizeye abazigusangije.
- Ntukizere Umwirondoro w'uguhamagaye. Abatekamutwe bashobora guhimba amazina cyangwa nomero bigaragara ku mwirondoro w'uguhamagaye.
- Ntukohererereze amafaranga uwo ariwe wese ugutelefonnye, ukwandikiye kuri imeyiri, ukoherereje ubutumwa bugufi akubwira ko akorera leta.
- Kuba hariho ikirango cya leta ntibisobanuye ko urubuga rwa murandasi ari urwa leta. Jya ureba niba harimo .gov muri adiresi ya rinki wahawe.
- Ntukigere na rimwe wishyura kugirango wuzuze amafishi yo kwimuka atangwa na Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Ayo mafishi ni ubuntu.
- Niba ukeka ko hari uwakwibiye umwirondoro, sura **IdentityTheft.gov** uhabwe ubufasha.

## Garagaza ubutekamutwe kuri Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Ubucuruzi kuri **ReportFraud.ftc.gov** cyangwa uhamagare 877-382-4357, maze ukande 3 ku zindi ndimi, maze ukande kuri 0 ku zindi ndimi.

### Kuki ari ngombwa utangaza ubutekamutwe?

Raporo yawe ifasha mu kurinda abo ukunda. Bifasha FTC guhagarika abatekamutwe ndetse no kurinda abandi bantu gutekerwa imitwe.

Menya byinshi ku bijyanye no kwirinda ubutekamutwe: **consumer.gov**

Federal Trade Commission
consumer.gov
Kanama 2022
August 2022